**AMASHURI YISUMBUYE**

**IKICIRO RUSANGE**

**UMWAKA WA KABIRI**

**<u>IKIZAMINI K'IKINYARWANDA</u>/30**

**a.** ***Iki kizamini kigizwe n'ibice bikurikira:***
- *Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko*
- *Ikibonezamvugo*
- *Ubuvanganzo*

**b.** ***Subiza ibibazo byose wita ku itonde ryabyo, wirinda gusiba kandi wita ku myandikire yemewe y'Ikinyarwanda.***

---

**<u>Umwandiko</u>**: **<u>Ishuri ryangiriye umumaro</u>**

Nge na musaza wange Rukundo twagize amahirwe angana. Aho gusigara mu rugo mpetse murumuna wange Nyirarugwiro, mukarabya, mugaburira, ntashya inkwi, mvoma amazi cyangwa mperekeza mama mu murima guhinga; ababyeyi batwohereje mu ishuri twembi ndetse bakajya batuganiriza ku byerekeye amasomo yacu, ibyo dukunda n'ibyo tuzakora. Ntitwavunwe n'imirimo y'imbaraga tudashoboye,ahubwo twafashaga ababyeyi bacu imirimo yoroheje twishimye.

Twize amashuri y'inshuke tukiri bato cyane, dutozwa kandi twigishwa byinshi birimo nko gusuhuzanya, kwihanganirana, gukina na bagenzi bacu, kujya mu karasisi no kwiyereka, kuririmba no gushushanya, kutarizwa n'ubusa n'ibindi. Mu byo badutozaga byose, batumenyerezaga kubahiriza igihe mu byo dukora byose cyanecyane kurangiza imikoro ku gihe, kudakererwa ku ishuri, kudatinda mu nzira dutashye n'ibindi.

Ntibyatinze nasanze Rukundo mu mashuri abanza. Nari maze gukerebuka nzi kwandika imibare yose kuva kuri zeru kugera ku ikenda. Bambwiraga ko nzamenya gusoma vuba kuko nk'inyuguti zigize izina ryanjye nari narazimenye kera. Abumvaga uko mvuga, banavugaga ko nzanadidibuza indimi z'amahanga nk'Igifaransa n'Icyongereza. Kuva mu wa kabiri w'amashuri abanza , nabaye intyoza maze menya no gusoma ibihekane cyangwa kuvuga imivugo mbigira ubufindo. Abarimu banyigishije mu mwaka wa gatandatu bamfashije guhitamo ishuri ryiza nzigamo mu yisumbuye. Ndashima abanyitangiye bakampa uburere bwiza, abantoje kurangwa n'isuku n'ikinyabupfura, kugira umwete no kwanga umugayo, kubaha bagenzi bange ndetse n'ibyabo. Ubwo bambwiraga ko gukorakora ari ingeso idakwiye kuranga umunyarwandakazi. Bagiye kenshi bansaba guharanira kujijuka no gukunda Imana yaturemye kuko ari byo shingiro ry'iterambere ku muntu wese aho ava akagera.

Ubu ndi mu mwaka wa kabiri w'amashuri yisumbuye kandi nsinda neza bitangoye. Ikigo nigamo buri gihembwe gihemba abana baje mu myanya ya mbere. Ibihembo mbifata buri gihembwe mbese ntinze kugera mu wa gatatu maze ngahitamo ishami nifuza. Nyampinga nizeye ejo hazaza heza; nitangira cyanecyane guharanira uburenganzira bw'umwana, ubw'umwari n'umutegarugori. Nzaharanira ko bubahwa, bakajijuka kandi bakagira imyifatire ibereye u Rwanda.

**A. <u>KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO</u> /7**

**I. <u>Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko</u> /5**

1. Vuga ubwoko bw'uyu mwandiko.
2. Ni nde uvugwa cyane muri uyu mwandiko? Yaba ageze mu mwaka wa kangahe?
3. Hariho abana bakoreshwa imirimo ivunanye. Vugamo ibiri waba uzi ivunanye.
4. Umunyeshuri Rukundo uvugwa mu mwandiko apfana iki n'uyu mwana uvugwa mu mwandiko?
5. Ni iyihe nteruro igaragaza ko uyu mwana atari indashima?
6. Kuki uvugwa mu mwandiko ashyize imbere uburere bw'umwana w'umukobwa?

**II. <u>Inyunguramagambo</u> /2**

Shaka ubusobanuro bw'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko

1. Gukerebuka
2. Kudidibuza
3. Intyoza
4. Nyampinga

**B. <u>IKIBONEZAMVUGO</u> /19**

**I. <u>Shyira izi nteruro mu bihe weretswe mu dukubo.</u> /2.5**

1. Inzu yanyu izubakishwa amabati**.(indagihe y'ubusanzwe)**
2. U Rwanda rwateye imbere cyane**.(indagihe y'igikomezo/ikomeza)**
3. Ku ngoma ya Kigeli IV Rwabugiri igihugu cyacu **(kuba:impitakera)** kinini.
4. Mudasobwa zacu **(gufasha:inzahato)** kujya kuri murandasi.
5. Aha hantu ni ho Leta **(gutura:inzakera)** abasenyewe n'ibiza.

**II. <u>Vuga amoko y'inshinga aciyeho zagaragajwe.</u> /2.5**

1. Impuzankano **mwadodesheje** zirabakwiye.
2. Kwiga dushyizeho umwete **ni** byo bizatugeza ku ntego twiyemeje.
3. **Mwari** mwasura Icyanya k'Ibirunga?
4. Cya kivugo gihimbye **gite**?
5. Inka yerera **ndayiruzi** aho aho ibyagiye.

**III. <u>Tanga imbusane z'aya magambo.</u> /2.5**

1. Kuguza #……………
2. Kubunda (guhunga k'umwami) #………………
3. Nyirakuru #……………………
4. Hakurya #…………………..
5. Kwemerera #……………………

**IV. <u>Shaka imvugakimwe z'aya magambo</u>. /2.5**

1. Uruho
2. Guhaaga
3. Ikiraro (bambukiraho)
4. Imbaasha

5. Kuzahaza

## V. Garagaza intego z'imbundo zagaragajwe /5

1. Niwanga **kwiga** isi izakubona.
2. Ni byiza **kugendana** n'igihe dutata umuco.
3. Nk'urubyiruko, twirinde **kunywa** ibiyobyabwenge.
4. **Kubitsa** amafaranga kuri banki ni iby'ingenzi.
5. Ba babyeyi bavuye **kwishyurira** abana babo amafaranga y'ishuri.
6. Mumubuze **kuriza** icyo kibondo
7. Inshuti nyazo zikunda **kujyana** aho ari ho hose.
8. Umuco nyarwanda ntukwiye **gucika**.
9. **Gukundwa n**a bose si ibya buri wese.
10. Guceceka no **gucisha** makeya si ubucucu ahubwo ni ugucengerwa n'ibyo uzi.

## VI. Vuga ikomorazina mvazina ryakoreshejwe muri aya mazina. /2

1. Bakunda kuvuga ko umukobwa w'inzobe ari **ikizubazuba**.
2. Ntibavuga **uduta**, bavuga amata.
3. Umugore we yari **umwarimukazi** kuri cya kigo.
4. Niniga neza nzaba **umunyamakuru**.

## VII. Vuga ubwoko bw'amagambo yagaragajwe. /2

1. **Harya** hantu hari heza.
2. Nta **kundikundi** yari kubikora.
3. Icyo kegeranyo kimeze nka **cya** kindi.
4. Imana yaturemye izi **ibyo** dutekereza.

## C. UBUVANGANZO /4

### I. Ikeshamvugo /0.5

1. Utubere tw'inyongera inka igira tudakamwa batwita…………………

### II. Uzuza iyi migani ikurikira /3.5

1. Irya mukuru riratinda…………………………..
2. Ifuni ibagara ubucuti…………………………..
3. Agasozi kamanutse inka……………………..
4. Ababiri bishyize hamwe baruta…………………
5. Inkware y'inyabugingo…………………..
6. Inka utanze…………………………
7. Inyamaswa idakenga…………………..

---